

R W A N D A

KWEMERA KWA NEW CREATION MINISTRIES

Ingingo 1: Twemera ko Bibiliya ari umubumbe w'ibitabo 66, ko ari yo Jambo ry'Imana, ko yanditswe n'abantu bera b'Imana bayobowe n'Umwuka Wera. Ibyo Bibiliya ivuga ni iby'ukuri kandi ifite ubutware mu bintu byose bijyana no kwemera kwacu ndetse n'imyifatire yacu.

Ingingo 2: Twemera ko Imana ari imwe rukumbi, ariko yiyerekanira mu Butatu Bwera--Data wa Twese, Umwana n'Umwuka Wera. Buri wese ni Imana ariko ntihariho Imana eshatu ahubwo ni imwe rukumbi. Bose bafite kamere y'Imana n'urugero rumwe mu bumana, ariko bafite imirimo itandukanye. Bose bahozeho kandi bazahoraho, bakorera rimwe.

Ingingo 3: Twemera Imana Data wa Twese, Umuremyi w'ijuru n'isi, itunganye mu kwera kwayo, ifite ubwenge butagira akagero, ifite imbaraga zitabarika, ibera hose icyarimwe.

Ingingo 4: Twemera Yesu Kristo, Umwana w'ikinege w'Imana, ko ari Imana rwose, kandi ko yigize umuntu rwose. Yasamwe kubw'Umwuka Wera. Yabyawe n'umwari Mariya. Yesu ntiyigeze akora icyaha. Yabaye igitambo cyera n'incungu y'ibyaha. Yapfiriye ku musaraba, arahambwa, arazuka. Kubw'ibyo yabaye Umukiza w'abari mu isi bose abaneshereza abanzi bose babatandukanyije n'Imana. Yazamuwe mu ijuru aho yicaye i buryo bwa Se, hejuru y'abanzi be bose, adusabira. Azagaruka mu bicu abantu bose bamureba kugira ngo yime ingoma ye izahoraho.

Ingingo 5: Twemera Umwuka Wera ko ari Imana rwose. Ava kuri Data wa Twese atumwe n'Umwana kugira ngo yemeze ab'isi ibyaha n'iby'ukuri kwa Yesu. Kubwe abasanga Yesu Kristo babyarwa ubwa kabiri bakaba abana b'Imana. Bakimara kwizera aba muri bo nk'Umujyanama, akabuzuza imbaraga zo kubaho kubw'Imana, akabaha impano zitandukanye zo gukora imirimo y'Itorero.

Ingingo 6: Twemera ko abantu bose ari abanyabyaha muri kamere yabo, mu byo bakora, no mu mitima yabo. Kubw'ibyo nta n'umwe ubasha kunezeza Imana. Bose baciriweho iteka nayo.

Ingingo 7: Twemera ko agakiza kabonerwa muri Yesu Kristo wenyine. Uwihannye, akizera Yesu nk'Umukiza n'Umwami aba abonye ubugingo buhoraho n'imibereho mishya ishimisha Imana akiri mu isi. Abari muri Yesu Kristo nta teka bazacirwaho kandi ntakizabatandukanya n'urukundo rwa Kristo. Bazazuka babane n'Imana mu mahoro yayo iteka ryose; naho abanga kwakira ubuntu bwayo muri Yesu bazarimbuka iteka ryose.

Ingingo 8: Twemera ko Itorero ari Umubiri wa Kristo ugizwe n'abamaze kubyarwa ubwa kabiri, ukaba ufite Kristo nk'Umutwe. Itorero ni rimwe ku isi hose, ariko rigizwe n'abizeye bose b'ahantu runaka bishyize hamwe kuramya Imana, gukomezanya, gushaka abazimiye kugira ngo bahinduke babe abigishwa ba Yesu, no guteza imbere Ubwami bw'Imana hano ku isi.

Ingingo 9: Twemera ko abantu b'Imana batarwana n'abafite imibiri n'amaraso gusa, ahubwo barwana n'ibinyambaraga by'ubwami bw'umwijima. Kubw'ibyo intambara barwana barwanisha intwaro z'Umwuka ari zo ukuri, kwizera, kwera n'urukundo, bashikamye muri Yesu Kristo ubwe no kunesha kwe basenga ubudasiba.

Ingingo 10: Twemera ko abagize itorero ry'Imana bagomba kuyoborwa n'Umutwe waryo, ko ari ngombwa kwumvira Imana kuruta abantu, ko buri wese azabazwa ibye imbere y'Imana.

Bihamijwe kandi bishyizweho umukono n'abavugizi ba NCM mu Nteko Nkuru ku italiki ya 19/01/2013.

_____ _____

Umukono w'Umuvugizi wa NCM *Umukono w'umuvugizi wungirije wa NCM*